180

1. CULTURE ET ARTS

1.1. Généralités

A.C.C.T.

Gusaba uruhushya rw'intumwa z'u Rda zizajya mu nama izahuza ACCT

Date

**RAPORO Y'IBYAKOZWE N'UBUNYAMABANGA BUSHINZWE UBUTWERERANE BW'IBIHUGU BIKORESHA URURIMI RW'IGIFARANSA UMWAKA WA 1996**

**Inshingano z'ubunyamabanga bushinzwe ubutwererane bw'ibihugu b'ikoresha ururimi rw'igifaransa.**

-Gucunga amadosiye y'ubutwererane hagati y'inzego zihuza ibihugu bikoresha ururimi rw 'igifaransa.
-Kwiga no gukurikirana amadosiye y'imishinga ishyikirizwa umuryango w'ubutwererane mu by'umuco n'ikoranabuhanga ( ACCT).
-Gukurikirana ishyirwamubikorwa ry'imishinga y'ishingiwe n'umuryango w'ubutwererane mu by'umuco n'ikoranabuhanga.
-Gukurikiranira hafi imikorere y'amazu y'ibitabo n'imyidagaduro ( CLAC ).

## I. Ibyo Ubunyamabanga bwa Farankofoni bwakoze.

**1.** Ubwo bunyamabanga bwasabye amahugurwa muri porogaramu idasanzwe y'iterambere ( muri ACCT) kubafite imishinga y'iterambere bifuza guhugurwamo.

Kandidatire ebyiri zaratanzwe:

a) TURABUMUKIZA Emmanuel ( ukora ku giti cye ) mu byerekeye gukora amashyiga ya kijyambere ( les foyers améliorés ).
b) URAYENEZA Tharcisse wo muri Minisiteri y'ibidukikije n'Ubukerarugendo,mu byerekeye ibidukikije.

Kubyerekeye TURABUMUKIZA, ACCT yadushubije itubwirako dosiye ye yoherejwe mu rwego rwerekeye uwo mushinga.

Kubyerekeye URAYENEZA badushubije batubwirako dosiye itemewe.

**2.** Twasabye ACCT ko yohereza gahunda y'amahugurwa (itangwa buri mwaka)
igenewe abakozi ba Leta.

Gahunda yaroherejwe n'ubwo yaje itinze bwose.

Abakandida boherejwe n'aba bakurikira:

A)« Ecole de la Francophonie » :

1. NTITENGUHA François ( Mineprisec )
2. MANENU Herman ( // )
3. BUGIRIMFURA Alfred ( // )
4. NTAMBARA Jean ( // )
5. MUKAYIREGE Julienne ( // )
6. RUZIGANA Silas ( Minitrape )
7. HAGUMA Ernest ( Micomart)

**B) Seminaire pour les coordinateurs et animateurs des CLACS :**

-NDAYISABA J.Damascène ( Minesupres )
-KAMALI Alphonse ( Mineprisec )

**C) Institut de l'Energie des Pays ayant le Français en partage:**

Hoherejwe kandidatire z'abantu babiri bakurikira:

-YARAMBA Albert (Minitrape)
-KAYITENKORE Albert( // )

Igisubizo gitegerejwe ku wa 25 Mutarama 1997.

**3.Umuryango ACCT binyujijwe kuri Minisiteri y'Amashuri Makuru, Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga n'Umuco wahamagariye Abanyarwanda kwitabira ipiganwa mu myanya y'ubuyobozi inyuranye iri muri uwo muryango.**

Abakandida batandatu baratanzwe :

1) Bwana NTEZINGOMA MUSHAPA Karadiyasi wo muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

2) Bwana RUTAYISIRE SAYINZOGA wo mw'Isanduka yo Kuzigama y'u Rwanda.

3) Bwana NTWARI Jerari, Umwarimu m'Urwunge rw'Amashuri ya Andereya Mutagatifu.

4) RUZIBIZA Manweli wo muri Minisiteri yo Gucyura Impunzi.

5) NAYIMFASHE Ludoviko wa Manforo wo muri Minisiteri y'Imigambi ya Leta.

6) BAGOYI Yosefu, Umugenzuzi w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe''.

Kandidatire ya NTWARI Jerari na NIYIMFASHE Ludoviko de Monfort twaziboneye igisubizo ( ntizemewe) ku bandi ntagisubizo turabona.

4. **Gukomeza ubufatanye na ACCT.**

- Kwandika dusubiza cyangwa tubamenyesha kubirebana n'ubufatanye bw'u Rwanda na ACCT.

- Kwitabira ibiganiro bitegurwa n'inzu ndangamurage y'u Rwanda n'Ubufaransa isano n'ubufatanye bw'u Rwanda na ACCT.

5. **Raporo y'ibyakozwe n'Umuhuzabikorwa bw'amazu y'imyidagaduro (Coordination des CLAC) mu mwaka w'1996.**

Mu mwaka wa 1996 imirimo yibanzweho mu rwego rw'amazu y'amasomero n'imyidagaduro (CLAC ) ni ugusubukura imikorere y'amazu y'amasomero yashenywe muri 1994. Hakozwe ingendo nyinshi mu makomine maze hakoreshwa amanama n'abayobozi bayo kugira ngo hanonosorwe neza imikorere y'ayo masomero kandi uruhare rw'ubwo butegetsi burusheho kugaragara. Hashyizweho inama ncunga mutungo muri buri karere (Comité de gestion) ndetse hatoranywa n'abakozi batatu bitangiye gukurikirana imikorere y'ayo mazu (3 animateurs bénévoles). Amazu y'amasomero uko yari 10, hemejwe ko yose azasubukurwa ariko atatu yari muri Cyangugu i Mibirizi, muri Kibuye i Rubengera no muri Gisenyi ku Muhororo yasimbuwe n'amasomero azajya i Nyabisindu, i Remera -Rukoma n'i Nyamata bityo amasomero asubukurwa n'i Save, Nyamagabe, Byimana, Remera-Rukoma, Nemba, Musha, Zaza, Nyamata, Gakenke na Nyabisindu.

Umuhuza bikorwa wa CLAC hamwe n'umukozi wa Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye bakurikiranye ihugurwa ry'abashinzwe guhugura abakozi b'amazu y'amasomero n'imyidagaduro ryabereye i Cotonou mu gihugu cya Bénin kuva kuri 30 Nzeri kugeza kuri 18 Ukwakira 1996.

Mu mwaka w'1996 haguzwe ibikoresho (étagères) z'amasomero 5 kuko ariyo yagombaga gusubukurwa muri uwo mwaka ariko ntibyaba kuko umuryango w'ubutwererane mu by'Umuco na Tekiniki (ACCT) utohereje ibitabo n'ibindi bikoresho by'ayo masomero ahubwo ukaba warafashe gahunda yo gukingurira rimwe muri 1997 amazu yose uko ari icumi. Mu rwego rw'ubufatanye hagati ya ACCT, Minisiteri y'Amashuri Makuru, Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga n'Umuco na Minisiteri y'u Bufaransa ishinzwe ubutwererane hateganijwe guhuza ibikorwa by'amazu y'amasomero 20 bityo hakabaho umushinga uyahuza witwa (amazu ndangamuco y'igihugu) '' Centres Culturels Nationaux'' nkuko byemejwe n'impande zose nyuma y'ingendo mu gihugu zakozwe n'umuhuzabikorwa wa CLAC n'umuyobozi w'inzu ndangamuco y'u Rwanda n'u Bufaransa.

## II. Ingorane twahuye nazo n'ibisubizo twazishakira.

1. Amahugurwa y'abakozi ategurwa na ACCT.

Gahunda yayo mahugurwa yadushyikiriye itinze ku buryo amahugurwa amwe yari yarangiye, ayandi igihe cyayo kiriho kirangira ugasanga dutanze abakandida bake cyane.

Izo ngorane si ubwambere zidushyikira . Tuzongera twibutse ko bajya batugezaho izo gahunda hakiri kare.

2. MINESUPRES ifite serivisi ishinzwe Farankofoni ; niyo rero ifite amadosiye y'ubutwererane bw'u Rwanda na ACCT.

Ninayo rero yagombye kujya ihagararira u Rwanda mu ma nama ya farankofoni abera hirya no hino mu bihugu biyigize. Siko bimeze kuko MINAFFET niyo iserukira u Rwanda mu ma nama yose ya ACCT. Tubona rero ko n'ubwo ubusanzwe MINESUPRES ariyo ishinzwe ibyerekeye ACCT, kubigaragara MINAFFET niyo yabitwaye kuko ariyo yonyine ihagararira u Rwanda mu bya ACCT. Icyo kibazo cyavuzwe kuva 1995 ariko na n'ubu ntagisubizo kiraboneka.

Twifuza rero ko ubutegetsi bwo hejuru bwa Leta bwa kwerekana inshingano za buri Minisiteri hagati y'izo zombi mu byerekeye Farankofoni.

Urugero : Uno mwaka Correspondant National wa ACCT yatumiwe mu nama ya Frankofoni muri Maroc hagenda abo muri MINAFFET gusa.

3. Kwandikirana n'inzego za ACCT.

Turandikirana buri gihe ariko ingorane ziboneka n'uko rimwe na rimwe ibisubizo cyanga inzandiko zabo zitugeraho zitinze ku buryo iyo ari ubutumire bwihutirwa igihugu cyacu kidaserukirwa biturutse kuri iyo mikorere.

Hariho n'igihe ibisubizo by'amadosiye yoherejwe tutabibona ayo ni nk'asaba amahugurwa, cyanga ayo gupiganirwa imyanya, cyanga asaba imfashanyo.

Icyo tuzakora kandi twari twaranakoze. Ni ukongera tukabasaba ko iyo ari ikintu kihutirwa batumenyesha bajya bakoresha fagisi (fax).

## III Ibitegaije gukorwa mu 1997

A. Hari imishinga yo muri 1995 yagejejwe kuri ACCT ikaba itarigeze ibona igisubizo n'ubwo twaditse twibutsa ikaba ariyo gukurikiranwa.

1. Kwibutsa ACCT umushinga wari waremewe wo gushyira mu Rwanda ikigo cy'indimi.
2. gukurikirana iby'umushinga wo muri Mutarama 1994 werekeye gushyiraho za radiyo zo kwigisha abaturage mu cyaro. Uwo mushinga n'ubwo wari waremewe na ACCT, Minisiteri y'itangazamakuru ntacyo irabivugaho kandi twarayandikiye. Turateganya gukurirana iyo dosiye.
3. Kwibutsa ACCT ku mushinga wo gusaba ibijyanye n'inzu Ndangamurage y'ibutare twabashyikirije.
4. Kwibutsa ibyerekeye umushinga wo gusana ibijyanye n'inyigisho mu mashuri makuru ( UNR na ENS ).
5. Gukurikirana iby'umushinga wo: - Gushyigikira ibijyanye n'iyandika n'itangazwa ry'ibitabo mu mashuri makuru.

-Gufasha umushinga wa MINESUPRES werekeye guteza imbere ibikorwa by'iyandika n'itangazwa ry'ibitabo hamwe n'ibijyanye n'uburenganzira bw'abahanzi.

6. Kubaka no guha ibikoresho inzu y'igihugu yo gusomeramo nawo n'umushinga washyikirijwe ACCT tuzakurirana.
7. Kwibutsa umushinga twohereje wo gusaba ibitabo 50 bikomoka ku cyanditswe na Dogiteri Petero Karaveri RWANGABO cyerekeye ubuvuzi bwa gakondo.

B. Gukurikiranira hafi ibijyanye n'amahugurwa akorerwa abakozi, amahugurwa ategurwa buri mwaka muri ACCT mu rwego rw'ubutwererane bw'ibikoresha ururimi rw'igifaransa.

C. Guteza imbere ubutwererane bwa ACCT n'u Rwanda.

- Kwandikirana (tukibutsa ko bajya bohereza kuri fagisi ubutumwa bwihutirwa);

- Gusaba ko MINESUPRES yakora inshingano zayo, n'ukuvuga kumenyeshwa ibyerekeye ubutwererane ACCT igirana n'u Rwanda bwose (ibyo byasabwa za Minisiteri hamwe na ACCT).

D. Imishinga yatangiye gushyirwa mu bikorwa igomba no gukomeza uno mwaka 1996.

- Gusana urwego rw'ubucamanza.
- Gusana ibigo cumi by'amazu y'ibitabo n'imyidagaduro.
- Gutangaza inkoranyamagambo y'ikinyarwanda bikorwa n'Ikigo Gishinzwe Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga n'Ikoranabuhanga (IRST).

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE, DES SPORTS, DE LA CULTURE ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 25 - 8 35 27
FAX : (250) 8 3518
(250) 8 5562.

# MEMORANDUM RELATIF A LA SESSION D'INFORMATION DES RESPONSABLES NATIONAUX DE PROJETS CULTURELS DE L'AFRIQUE CENTRALE et DE L'OCEAN INDIEN. LIBREVILLE/GABON (8-12/12/1997).

---

## I. CONTEXTE

L'Agence de Coopération Culturelle et Technique, ACCT en sigle, et l'Union Européenne organisent à Libreville/GABON, du 8 au 12/12/1997 une Session d'information des responsables nationaux de projets culturels de l'Afrique Centrale et de l'Océan Indien.

La Session d'information est conçue à l'adresse des Directeurs nationaux de la culture, et des représentants des promoteurs de spectacles dans la même sous-région. Quinze pays sont concernés dans cette zone de l'Afrique, ainsi que quelques responsables de grands projets culturels régionaux ou internationaux.

## II. ENJEUX POUR LE RWANDA.

Le projet de l'ordre du jour est là, alors que sont signifiés les enjeux pour notre pays :

1. Présentation des politiques culturelles nationales et des programmes de développement des arts du spectacle vivant, avec indication des engagements budgétaires (exposé par pays).

2. Présentation de projets régionaux.

3. Appui de la Communauté Européenne à la culture.

4. Coopération culturelle ACP-UE à travers la Convention de Lomé révisée à MAURICE : objectifs , mécanismes et procédures.

5. Actions francophones en faveur de la culture : objectifs et programmes.

6. Actions de coopération culturelle d'autres organisations : UNESCO- ISESCO-CEMAC.

7. Identification de quelques projets d'intérêt régional dans le secteur de la culture (ateliers).

Les enjeux sont là. Les délégués rwandais seront informés des projets culturels des autres pays de la sous-région. Ils seront également informés sur les programmes culturels de l'ACCT, ainsi que sur ceux d'autres organisations.

Les résultats attendus sont donc globalement :

1. La connaissance des mécanismes de fonctionnement des institutions européennes chargées de la culture.

2. La maîtrise des règles qui régissent le processus de programmation et de mise en oeuvre des projets F.E.D. tant au niveau national qu'au niveau régional.

3. La connaissance des programmes culturels de l'ACCT et des mécanismes de leur mise en oeuvre.

4. La connaissance des programmes de coopération culturelle d'autres organisations.

5. L'esquisse de quelques projets d'intérêt sous-régional ou régional.

## III. PRISE EN CHARGE ET CALENDRIER.

Les titres de transport et les perdiems des participants nationaux ainsi que les frais généraux de la Session sont à charge des organisateurs.

Etant donné les dates de la Session, les correspondances aériennes retenues sont celles du 7/décembre pour le vol à l'aller, et du 13 décembre pour le vol au retour.

Les délégués du Rwanda seront :

Monsieur Jean MUKIMBIRI: Directeur de la Culture et des Arts.
Monsieur Tharcisse KALISA RUGANO : Directeur du Théâtre Ballet MUTABARUKA. Les deux délégués répondent aux titres exigés par les organisateurs de la Session.

**Jean MUKIMBIRI**

Directeur de la Culture et des Arts.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P.: 1044 KIGALI**
**TEL : 8 3525 - 8 35 27**
**FAX : (250) 8 3518**
**(250) 8 5562.**

Kigali, ku wa ............

N° ........./..........

Kuri Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
**KIGALI**.

Byemejwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane
**KIGALI**.

**IMPAMVU**: Gusaba uruhushya rw'intumwa z'u Rwanda zizajya mu nama izahuza "ACCT" na "Union Européenne" (8-12/12/1997) i Libreville/GABON.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Mbandikiye ngirango nsabire uruhushya intumwa ebyiri z'u Rwanda, zahagararira igihugu mu nama izahuza abahagarariye << ACCT >>, << Union Européenne >>, n'ibihugu byo muri Afurika yo hagati n'ibyo mu Nyanja y'Abahindi.

Nkuko mubizi, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, << ACCT >> ni urwego ruhuza impuguke zo mu bihugu bisangiye kuvuga ururimi rw'igifaransa. Kuba Umuryango w'Ubumwe bw'Abanyaburayi (= Union Européenne) uzaba uhagarariwe birerekana intera iriya nama ifite.

Inama izatangira italiki 8 irangire itariki 12/12/1997, i Libreville mi gihugu cya GABON.

Izigirwamo muri rusangi politiki ndangamuco z'ibihugu byo mu karere kavuzwe haruguru. Abatumiwe rero ni abayobozi b'Umuco mu rwego rwa buri gihugu. Hatumiwe kandi n'undi muntu umwe muri buri gihugu. Uwo muntu akaba agomba kuba ari uwikorera ku giti cye ariko akaba yemewe n'igihugu mu rwego ndangamuco.

Turasanga abujuje ibisabwa ari :

1° Bwana Yohani MUKIMBIRI: Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni, yayobora intumwa z'u Rwanda.

2° Bwana KALISA Tharcisse RUGANO, Umuyobozi w'Umutwe Ndangamuco "Théâtre Ballet MUTABARUKA".

Ku mugereka w'iyi baruwa, hari inyandiko-nyibutsa irambuye kuri ubwo butumwa.

Amikoro y'urugendo n'itike y'indege bizatangwa n'abatumiye.

Mbaye nshimiye, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, uburyo bwiza muzakirana iyi nyandiko y'uruhushya nsabira izo ntumwa.

Mugire amahoro n'amahirwe.

**Dogiteri Yakobo BIHOZAGARA**

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

**<u>Bimenyeshejwe</u>** :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda **<u>KIGALI</u>**.

- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo **<u>KIGALI</u>**.

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE, DE LA CULTURE, DES SPORTS ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE
DIRECTION DE LA CULTURE ET DES ARTS
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 27
FAX : 8 35 18.

**FICHE DE TRANSMISSION :**

DESTINATAIRE Secrétariat DCA

EXPEDITEUR DCA

Tel que demandé
Faire le nécessaire
Signer et me retourner
Préparer une réponse
Pour suite à donner
Pour votre signature

Pour votre approbation
Pour votre information
Noter et me voir
Noter et classer
Suite à votre demande
Confidentiel

Commentaires/Observations/Message

Verser dans Armoire DCA ici, ds le dossier « ACCT-FRANCOPHONIE »

Date 6/12/97 Signature [signature]

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P.: 1044 KIGALI**
**TEL : 8 3525 - 8 35 27**
**FAX : (250) 8 3518**
**(250) 8 5562.**

Kigali, ku wa 27/11/97

N° ........./.......... 1346/21-00

Mission ratée

Kuri Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
**KIGALI**.

Byemejwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane
**KIGALI**.

Thomas Mulisa
Secrétaire
Général a.i.

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES AFFAIRES ETRANGERES ET DE LA COOPERATION

**IMPAMVU**: Gusaba uruhushya rw'intumwa z'u Rwanda zizajya mu nama izahuza << ACCT >> na "Union Européenne" (8-12/12/1997) i Libreville/GABON.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Mbandikiye ngirango nsabire uruhushya intumwa ebyiri z'u Rwanda, zahagararira igihugu mu nama izahuza abahagarariye << ACCT >>, << Union Européenne >>, n'ibihugu byo muri Afurika yo hagati n'ibyo mu Nyanja y'Abahindi.

Nkuko mubizi, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, << ACCT >> ni urwego ruhuza impuguke zo mu bihugu bisangiye kuvuga ururimi rw'igifaransa. Kuba Umuryango w'Ubumwe bw'Abanyaburayi (= Union Européenne) uzaba uhagarariwe birerekana intera iriya nama ifite.

Inama izatangira italiki 8 irangire itariki 12/12/1997, i Libreville mi gihugu cya GABON.

Izigirwamo muri rusangi politiki ndangamuco z'ibihugu byo mu karere kavuzwe haruguru. Abatumiwe rero ni abayobozi b'Umuco mu rwego rwa buri gihugu. Hatumiwe kandi n'undi muntu umwe muri buri gihugu. Uwo muntu akaba agomba kuba ari uwikorera ku giti cye ariko akaba yemewe n'igihugu mu rwego ndangamuco.

Turasanga abujuje ibisabwa ari :

1° Bwana Yohani MUKIMBIRI: Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni, yayobora intumwa z'u Rwanda.

2° Bwana KALISA Tharcisse RUGANO, Umuyobozi w'Umutwe Ndangamuco "Théâtre Ballet MUTABARUKA".

Ku mugereka w'iyi baruwa, hari inyandiko-nyibutsa irambuye kuri ubwo butumwa.

Amikoro y'urugendo n'itike y'indege bizatangwa n'abatumiye.

Mbaye nshimye, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, uburyo bwiza muzakirana iyi nyandiko y'uruhushya nsabira izo ntumwa.

Mugire amahoro n'amahirwe.

**Dogiteri Yakobo BIHOZAGARA**

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga [illegible]

__Bimenyeshejwe__ :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
  __KIGALI__.

- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
  __KIGALI__.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO, NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 25 - 8 35 27
FAX : (250) 8 35 18
(250) 8 55 62.

---

**INYANDIKO-NYIBUTSA YEREKEYE INAMA IZAHUZA ABAYOBOZI BASHINZWE UMUCO BO MU BIHUGU BY'AFURIKA YO HAGATI N'IYO MU NYANJA Y'ABAHINDI IZABERA I LIBREVILLE MURI GABON KUVA KW'ITARIKI YA MUNANI KUGEZA KU YA 12 UKUBOZA 1997.**

---

## I. Imimerere :

Ishami ry'Ubufatanye ku by'Umuco n'Ikoranabuhanga, A.C.C.T. mu mugambo ahinnye, n'Umuryango w'Abanyaburayi bishyize hamwe, bateguye i Libreville muri Gabon, kuva itariki ya 8 kugeza ku ya 12 1997, ihugurwa ry'Abayobozi b'ibikorwa byose byerekeranye n'Umuco bo mu bihugu byo muri Afurika yo hagati n'iyo mu Nyanja y'Abahindi.

Iyo nama y'amahugurwa ikaba igenewe Abayobozi bashinzwe Umuco mu bihugu byabo, n'abahagarariye abashinzwe kurema no gukwiza ibataramo muri ako karere.
Hakazaba hateraniye ibihugu cumi na bitani (15) byo muri ako karere, n'abo bashinzwe ibyo bikorwa by'imikino n'ibitaramo, nabo bo muri ako karere, ndetse n'abo mu bindi bihugu by'andi mahanga.

## II. Akamaro iyo nama yamalira u Rwanda.

Urukurikirane n'ikiranga minsi by'ibikorwa byarateguwe, ari naho umuntu abonera akamaro ayo mahugurwa afitiye igihugu cyacu.

1. Hazerekanirwa ingamba politiki yacu yafatiye Umuco n'ibiwuranga n'ibizawuteza imbere, uko imikino n'ubugeni bizagaragara n'igenwa ry'amafaranga azatuma bigerwaho. (Buri gihugu kizerekana ibikerekeye).

2. Kuzerekana ibikorwa duhuriyeho n'Abaturanyi.

3. Imfashanyo umuryango w'Abanyaburayi wageneye kuzamura Umuco.

4. Ubufatanye ku by'umuco ku Banyafurika, abo muri Caraïbes na Pacifika n'uwo Muryango w'Abanyaburayi bakurikije Amasezerano y'i Lomé nyuma y'aho asubiriwemo muri Maurice : ingamba, Imiyoboro byakorerwamo n'uko byakorwa.

5. Ibikorwa by'abahuriye ku rulimi rw'igifaransa, byateza imbere Umuco : ingamba na gahunda.

6. Ibikorwa biranga imifatanyirize by'iyindi miryango n'amashyirahamwe : UNESCO -ISESCO -CEMAC.

7. Kurebera hamwe ibikorwa abatuye ako karere bahuriyeho ku byerekeye Umuco.

Ngibyo ibyo duteze kuri iyo nama. Intumwa z'u Rwanda zizahamenyera ibyo ibindi bihugu byo muri ako karere bimaze kugeraho, n'ibyo bigamije ku byerekeye Umuco. Zizanahabwirirwa gahunda ACCT yihaye ku by'Umuco, ndetse na Gahunda y'iyindi miryango.

Muri make lero dore ibyo twizeye kuri iyi nama.

a) Kumenya neza imiyoboro Amashami y'Umuryango w'Abanyaburayi akoreramo ku bireba Umuco.

b) Ukunononsora amategeko agenga igenwa rya gahunda n'imikorere ihuza ibikorwa bya F.E.D. kuri buri gihugu no mu karere kacu.

c) Kumenya gahunda y'ibikorwa by'Umuco ya A.C.C.T. n'uko bigenda kugirango iyo gahunda ishyirwe mu bikorwa.

d) Kumenya gahunda y'ubufatanye n'indi Miryango n'amashyirahamwe ku byerekeye iby'Umuco.

e) Gushinga gahunda y'ibikorwa by'umuco bifitiye akamaro akarere dutuye ndetse n'Afurika yose n'uko twabifatanya ngo bijye mu buryo.

## III. <u>Amikoro n'ikirangaminsi.</u>

Ukujya yo no kugaruka, ikizatunga abazajya yo n'uko iyo nama izatunganywa, byose bizakorwa n'abayiteguye. Dukurikije ibyo batwandikiye n'amatariki batubwiye, indege izatwara intumwa z'u Rwanda ni iyo kw'itariki ya 7 Ukuboza, kugaruka bikaba ku ya 13 Ukuboza 1997.

Intumwa z'u Rwanda zizaba :

- Bwana MUKIMBIRI Yohani : Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni.
- Bwana KALISA RUGANO Tarisisi : Umuyobozi w'Itorero Ndangamuco MUTABARUKA.

Izo ntimwa zombi zuzuje ibyo abateguye iyo nama basaba.

**MUKIMBIRI Yohani,**

Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,**
**UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA**
**ICIRIRITSE**
**B.P.: 1044 KIGALI**
**TEL : 8 3525 - 8 35 27**
**FAX : (250) 8 3518**
**(250) 8 5562.**

Kigali, ku wa ...........

N° ......../.........

Kuri Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
**KIGALI**.

Byemejwe na Minisitiri w'Ububanyi
n'Amahanga n'Ubutwererane
**KIGALI**.

**IMPAMVU**: Gusaba uruhushya
rw'intumwa z'u Rwanda
zizajya mu nama izahuza
<< ACCT >> na "Union
Européenne" (8-12/12/1997)
i Libreville/GABON.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Mbandikiye ngirango nsabire uruhushya intumwa ebyiri z'u Rwanda, zahagararira igihugu mu nama izahuza abahagarariye << ACCT >>, << Union Européenne >>, n'ibihugu byo muri Afurika yo hagati n'ibyo mu Nyanja y'Abahindi.

Nkuko mubizi, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, << ACCT >> ni urwego ruhuza impuguke zo mu bihugu bisangiye kuvuga ururimi rw'igifaransa. Kuba Umuryango w'Ubumwe bw'Abanyaburayi (= Union Européenne) uzaba uhagarariwe birerekana intera iriya nama ifite.

Inama izatangira italiki 8 irangire itariki 12/12/1997, i Libreville mi gihugu cya GABON.

Izigirwamo muri rusangi politiki ndangamuco z'ibihugu byo mu karere kavuzwe haruguru. Abatumiwe rero ni abayobozi b'Umuco mu rwego rwa buri gihugu. Hatumiwe kandi n'undi muntu umwe muri buri gihugu. Uwo muntu akaba agomba kuba ari uwikorera ku giti cye ariko akaba yemewe n'igihugu mu rwego ndangamuco.

Turasanga abujuje ibisabwa ari :

1° Bwana Yohani MUKIMBIRI: Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni, yayobora intumwa z'u Rwanda.

2° Bwana KALISA Tharcisse RUGANO, Umuyobozi w'Umutwe Ndangamuco "Théâtre Ballet MUTABARUKA".

Ku mugereka w'iyi baruwa, hari inyandiko-nyibutsa irambuye kuri ubwo butumwa.

Amikoro y'urugendo n'itike y'indege bizatangwa n'abatumiye.

Mbaye nshimye, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, uburyo bwiza muzakirana iyi nyandiko y'uruhushya nsabira izo ntumwa.

Mugire amahoro n'amahirwe.

**Dogiteri Yakobo BIHOZAGARA**

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no
Kwigisha Imyuga Iciriritse.

**Bimenyeshejwe** :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  y'u Rwanda
  **KIGALI**.

- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika
  akaba na Minisitiri w'Ingabo
  **KIGALI**.

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE, DES
SPORTS, DE LA CULTURE ET DE LA
FORMATION PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 25 - 8 35 27
FAX : (250) 8 3518
(250) 8 5562.

# MEMORANDUM RELATIF A LA SESSION D'INFORMATION DES RESPONSABLES NATIONAUX DE PROJETS CULTURELS DE L'AFRIQUE CENTRALE DE L'OCEAN INDIEN. LIBREVILLE/GABON (8-12/12/1997).

---

## I. CONTEXTE

L'Agence de Coopération Culturelle et Technique, ACCT en sigle, et l'Union Européenne organisent à Libreville/GABON, du 8 au 12/12/1997 une Session d'information des responsables nationaux de projets culturels de l'Afrique Centrale et de l'Océan Indien.

La Session d'information est conçue à l'adresse des Directeurs nationaux de la culture, et des représentants des promoteurs de spectacles dans la même sous-région. Quinze pays sont concernés dans cette zone de l'Afrique, ainsi que quelques responsables de grands projets culturels régionaux ou internationaux.

## II. ENJEUX POUR LE RWANDA.

Le projet de l'ordre du jour est là, alors que sont signifiés les enjeux pour notre pays :

1. Présentation des politiques culturelles nationales et des programmes de développement des arts du spectacle vivant, avec indication des engagements budgétaires (exposé par pays).

2. Présentation de projets régionaux.

3. Appui de la Communauté Européenne à la culture.

4. Coopération culturelle ACP-UE à travers la Convention de Lomé révisée à MAURICE : objectifs , mécanismes et procédures.

5. Actions francophones en faveur de la culture : objectifs et programmes.

6. Actions de coopération culturelle d'autres organisations : UNESCO- ISESCO-CEMAC.

7. Identification de quelques projets d'intérêt régional dans le secteur de la culture (ateliers).

Les enjeux sont là. Les délégués rwandais seront informés des projets culturels des autres pays de la sous-région. Ils seront également informés sur les programmes culturels de l'ACCT, ainsi que sur ceux d'autres organisations.

Les résultats attendus sont donc globalement :

1. La connaissance des mécanismes de fonctionnement des institutions européennes chargées de la culture.

2. La maîtrise des règles qui régissent le processus de programmation et de mise en oeuvre des projets F.E.D. tant au niveau national qu'au niveau régional.

3. La connaissance des programmes culturels de l'ACCT et des mécanismes de leur mise en oeuvre.

4. La connaissance des programmes de coopération culturelle d'autres organisations.

5. L'esquisse de quelques projets d'intérêt sous-régional ou régional.

## III. PRISE EN CHARGE ET CALENDRIER.

Les titres de transport et les perdiems des participants nationaux ainsi que les frais généraux de la Session sont à charge des organisateurs.

Etant donné les dates de la Session, les correspondances aériennes retenues sont celles du 7/décembre pour le vol à l'aller, et du 13 décembre pour le vol au retour.

Les délégués du Rwanda seront :

Monsieur Jean MUKIMBIRI: Directeur de la Culture et des Arts.
Monsieur Tharcisse KALISA RUGANO : Directeur du Théâtre Ballet MUTABARUKA. Les deux délégués répondent aux titres exigés par les organisateurs de la Session.

**Jean MUKIMBIRI**

Directeur de la Culture et des Arts.

1. CULTURE ET ARTS

1.1. Généralités

Addendum au procès-verbal des entretiens de travail de la Coopération bilatérale Germano-Ruandaise

1987

A.ND./M.E.
**REPUBLIQUE RWANDAISE**
**MINISTERE DES AFFAIRES ETRANGERES**
**ET DE LA COOPERATION**
**B.P 179 KIGALI**

**Kigali, le** 08 JAN 1997
**N° 66 /03.05/COOP/BILAT**

A traiter par ... BITWENGE
Date entrée : 16/1/97
N° Classement : 14/1/21

pour info

Copie pour CL

Son Excellence Monsieur
le Premier Ministre
KIGALI

Objet :
Addendum au Procès-verbal des entretiens de travail de la coopération bilatérale germano-rwandaise.

Excellence Monsieur le Premier Ministre,

Subsidiairement à ma lettre n° 739/03.00.1/CAB du 10 décembre 1996, j'ai l'honneur de vous transmettre pour appréciation copie de la note verbale n° 122/96 du 30 décembre 1996 par laquelle l'Ambassade de la République Fédérale d'Allemagne propose d'intégrer deux textes comme addendum au procès-verbal des entretiens de travail concernant la coopération économique et au développement entre la République Fédérale d'Allemagne et la République Rwandaise.

Il s'agit d'un paragraphe à placer au point 3.3.1 (page 20) au chapitre des projets nouveaux "Programme de réinstallation des réfugiés", destiné à justifier la provenance des 2.0 millions DM, par la reprogrammation des reliquats des projets, à savoir :
- un montant de 1,15 millions DM provenant du"projet de développement agricole dans les communes Nshili et Kivu", engagé en 1991;
- un montant de 100.000 DM provenant du projet "Gestion rationnelle de l'Energie et de l'Environnement", engagé en 1991;
- un montant de 670.000 DM provenant du projet "Renforcement de la Recherche agricole à l'ISAR",engagé en 1989;
- un montant de 60.000 DM provenant du projet "Appui au Service national de Cartographie", engagé en 1989
- ainsi qu'un montant de 20.000 DM provenant du projet "Appui au deuxième Recensement général de la Population et de l'Habitat", engagé en 1989.

Par ailleurs, la partie allemande aimerait ajouter dans le texte du Procès-verbal, une clause générale dans l'esprit de permettre une reprogrammation systématique, en cas de nécessité, des moyens financiers prévus pour les projets de la coopération technique, indiquant que :

" Au cas où les engagements prévus ne seraient pas utilisés pour le financement des projets

mentionnés sous 3.2, ils pourront être affectés à d'autres projets pendant le délai fixé(voir 5.2) à la suite d'un commun accord entre les deux parties.

N'ayant pas d'objection pour ma part à la proposition du partenaire allemand d'intégrer l'addendum, j'ai marqué l'accord du Gouvernement Rwandais à ladite proposition.

Veuillez agréer, Excellence Monsieur le Premier Ministre, l'assurance de ma très haute considération.

**Dr. Anastase GASANA**
Ministre des Affaires Etrangères
et de la Coopération

RÉPUBLIQUE RWANDAISE MINISTÈRE DES AFFAIRES ÉTRANGÈRES ET DE LA COOPÉRATION

Copie pour information à :

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise
- Son Excellence Monsieur le Vice-Président de la République et Ministre de la Défense
- Monsieur le Ministre(TOUS)
  KIGALI
- Monsieur l'Ambassadeur de la République Rwandaise
  BONN